SOLIDARITY Magazine
ROJAPED Solidarity
FREE
www.rojaped.com
ROJAPED SOLIDARITY Vol 08 Ugushyingo 2020, B.P. 4305 Kigali - Rwanda, Tel. +250- 788521257, +250785686699 e-mail:rojaped2014@gmail.com

# Abafite Ubumuga barifuza kugira icyiciro cy'ubudehe gitandukanye n'icy'imiryango yabo



## NCPD, ROJAPED NA RBA, BIYEMEJE GUFATANYA GUHA IJAMBO NO KUGEZA AMAKURU KU BAFITE UBUMUGA

ROJAPED

RBA Rwanda Broadcasting Agency
HAFI YAWE



Aimable Bukebuke
Umuyobozi wa ROJAPED

Mu Kinyarwanda baravuga bati "Akaje gahimwa n'icyakazanye", bakongera bati "Muroge magazi amazi si yayandi", birasanzwe ko umuntu aterwa atiteguye, ariko iyo bibaye

## INAMA Y'IGIHUGU Y'ABANTU BAFITE UBUMUGA IMAZE IMYAKA ICUMI IBAYEHO



## Abafite ubumuga bishimira amategeko meza aborohereza, nubwo adashyirwa mu bikorwa nkuko bikwiye



## Ababyeyi b' abana bafite ubumuga bakoresha mituweli bahangayikishijwe no kutabona serivisi zose z'ubuvuzi

## Ruhango: Inkunga yatewe abafite ubumuga yaheze kuri konti

# INAMA Y'IGIHUGU Y'ABANTU BAFITE UBUMUGA IMAZE IMYAKA ICUMI IBAYEHO

Inama y'Igihgu y'Abantu bafite ubumuga (NCPD) mu magambo ahinnye y'icyongereza, yatangiye gukora mwaka wa 2010 ariko ikaba yarashyizweho ku mugaragaro n'itegeko n°03/2011 ryo kuwa10/02/2011 nk'urwego rwa Leta rwigenga kandi rufite ubuzimagatozi n'ubwisanzure mu micungire. Muri rusange ishinzwe guhuza ibikorwa bigamije guteza imbere abantu bafite ubumuga, kubafabasha kugira ijambo, kwigira no kugira uruhare mu buzima bw'Igihugu. NCPD kandi ikorana n'inzego za Leta zitandukanye mu gutuma zinjiza mu byo zigenera abanyarwanda, umwihariko ku bantu bafite ubumuga. Igamije kandi gukangurira no kwigisha abaturage bose kumenya no kubahirize uburenganzira bw'umuntu ufite ubumuga. Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ikurikirana by'umwihariko uko amategeko arengera abantu bafite ubumuga agenda ashyirwa mu bikorwa. Nyuma y'imyaka icumo hari impinduka nziza ku mibereho y'abantu bafite ubumuga NCPD ikaba yarabigizemo uruhare rutari ruto.

**Abafite ubumuga bahagarariwe mu nzego zifata ibyemezo**

Imwe mu mpinduka zikomeye ni uko abafite ubumuga bahagarariwe ku nzego zose z'ubuyobozi. Inama y'Igihugu y'Abantu bafite ubumuga igizwe n'Inteko Rusange zirimo abahagarariye abafite ubumuga ku rwego rw'Akagari, Umurenge, Akarere, Intara n'Umujyi wa Kigali ndetse no ku rwego rw'Igihugu. Hari kandi Komite nyobozi zigizwe n'abantu bafite ubumuga batowe na bagenzi babo mu Nteko Rusange kuri izo nzego zise. Abo nibo bavuganira bagenzi babo aho bikenewe hose. Izo Nteko rusange kandi zitora abafite ubumuga bagomba kujya mu Nteko Ishinga Amategeko Imitwe yombi no mu Inteko Ishinga Amategeko y'Umuryango w'Ibihugu bya Afrika y'Uburasirazuba. Ibi byose bikorwa hubahirizwa amategeko igihugu cyacu kigenderaho. Bikaba rero bishimangira ihame rigira riti: «Icyo unkorera cyose ntahari ntacyo cyamarira». Aha u Rwanda biragaragara ko rwateye imbere kurusha ibihugu byinshi byo ku isi.

**Ihezwa n'akato ku Bantu bafite ubumuga biri mu marembera**

Mu mpinduka zikomeye zagaragaye muri iyi myaka icumi ishize kandi NCPD yagizemo uruhare rukomeye, harimo ko ihezwa n'akato byakorerwaga abantu bafite ubumuga byagabanutse ku rugero ruhagije. Kuri ubu, Imvugo nyinshi zapfobyaga ubumuntu ku bantu bafite ubumuga zamaze kuranduka mu Kinyarwanda ndetse no myumvire y'abaturage benshi. Ni gake wakumva amagambo ngo: ikimuga, kaboko, kajisho, ruhuma, ikiragi, nyamweru, igikuri,…. Ibi bituma abafite ubumuga bajya hanze bakumva nta pfunnwe bafite n'abaturage kandi bakabona ko ari bantu buzuye kandi bakwiye icyubahiro. Urugero n'umwe mu bategarugori bafite ubumuga bwo kutabona ugira ati: «Cyera sibashaga kujya ahagaragara nko mu Nteko y'Abaturage ntinya ko abaturage bambona bagatangira kuvuga ngo ese uriya w'impumyi aje kumara iki. Gusa aho mariye gusobanukirwa n'uburenganzira mfite



*Umunyamabanga nshingwabikora w'Inama y'igihugu y'abantu bafite ubumuga, Ndayisaba Emmanuel.*

nagiye njya mu Nteko rusange y'akagari ngasanga n'abaturage banyakira neza. Nabanje no gutinya kujya ntanga ibitekerezo ariko nyuma ndatinyuka nsaba ijambo bararimpa kandi numva babyakiriye neza,…». Kuri ubu, abaturage bamaze kumenya ko abafite ubumuga atari abantu basaba kugirirwa impuhwe gusa ahubwo bafatwa nk'abandi bose bafite uruhare mu kubaka igihugu cyacu. Ibi byabaye imbarutso yatumye abafite ubumuga bishyirahamwe mu makoperative ngo bakore, biteze imbere kandi batange umusanzu mu iterambere. Hari henshi usanga abafite ubumuga aho gusabiriza ahubwo ari bo batanga akazi cyangwa bafasha abandi harimo n'abadafite ubumuga.

Ahandi impinduka nziza zigaragarira amaso mu mibereho ya buri munsi y'Umuntu ufite ubumuga, ni mu burezi aho abana bose bafite ubumuga (ubwo ari bwo bwose) babasha kwiga nta nkomyi kugeza muri za kaminuza. Amashuri menshi afite ibya ngombwa byo kwakira umwana ufite ubumuga. Hakaba kandi n'amashuri yihariye amaze kuba menshi kandi akwiye igihugu cyose. Mu buvuzi aho usanga serivisi z'ubuvuzi za Leta (kuva ku mujyanama w'u buzima kugeza mu bitaro bikuru) ziteguye bihagije kwita ku Bantu bafite ubumuga. Ihame ni uko nta serivisi yihariye y'ubuvuzi ku Bantu bafite Ubumuga yagombye kubura aho hose. Ubwisungane mu buvuzi (mituel de santé RSSB ndetse nubundi butangwa n'abikorera bigira umwihariko ku bantu bafite ubumuga). Mu byerekeye ibikorwa remezo, byabaye itegeko ko mu mihanda yubakwa, mu mazu maremare yubakwa, aho abantu bahurira ari benshi (amashuri, ibitaro, amasoko, ibibuga by'imyidagaduro, ibibuga by'indege, za gare,…) abafite ubumuga bashyirirwa ho inzira, cyangwa ibikorwa biborohereza. Ni itegeko kandi ko mu ma modoka atwara abagenzi hateganywa uburyo bworohereza umuntu wese ufite ubumuga kugenda yisanzuye. Birakwiye kandi ko ibi byubahirizwa no mu miryango yose. Ibyo bakora byose bagateganya uko umuntu ufite ubumuga uri mu muryango yoroherezwa nko mu kubaka ubwiherero, urukarabiro, inzira,… bituma babaho bisanzuye.

Mu by'ukuri ibyagezwe ho ni byinshi gusa hari byinshi nanone bigikeneye kwitabwaho mu muryango nyarwanda. Bimwe muri ibyo ivanwaho burundu ry'akato n'ihezwa bikigaragara cyane cyane ku bana bafite ubumuga bukomeye, abafite ubumuga bukomatanye, abafite ubumuga bwo mu mutwe n'abandi. Hari kandi gukomeza kwinjiza muri gahunda zose z'iterambere inyungu z'abantu bafite ubumuga mu rwego rw'ihame rivuga riti « ntitugire n'umwe dusiga inyuma». Amakoperative yashinzwe n'abafite ubumuga ndetse n'imiryango yabo yita ku bumuga bwihariye bikwiye gushyigikirwa cyane ndetse imikorere yayo igakurikiranwa kugira ngo itange umusaruro wifuzwa ku rugero rwo hejuru.

Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga yashyizwe ho nyuma y'Igihe kirekire Abantu bafite ubumuga bagerageza kwishakishiriza uko bagira ijwi rimwe imbere y'ubuyobozi bw'igihugu n'ahandi, ariko ugasanga batagera ku ntego zabo kubera ubushobozi buke. NCPD rero yaje ari igisubizo kirambye kandi kijyanye n'amahame akubiye mu Itegeko Nshinga ndetse n'Amasezerano mpuzamahanga arengera uburenganzira bw'Abantu bafite ubumuga u Rwanda rwiyemeje kubahiriza bidasubirwaho.

ROJAPED P.O Box 4305
Kigali - RWANDA,
Phone: +250- 788521257
e-mail: rojaped2014@gmail.com

# Ijambo ry'ibanze

ntiyipfumbata, akoresha ubwenge n'ubushobozi Imana yamuhaye, akora uko ashoboye ngo yigobotore, ahangane n'icyamuteye ; icyorezo Covid-19 cyaje gitunguranye gikomotse mu Mujyi wa Wuhan mu Bushinwa. gihita gikwira isi yose mu gihe gito ku buryo butakekwaga, nicyo gituma Leta zo ku isi n'u Rwanda rurimo byafashe ingamba zihuse mu rwego guhangana nacyo no kurengera abaturage, kugirango icyorezo kitabahitana bityo rya terambere ry'ibihugu rikadindira, kuko burya umuturage ufite ubuzima bwiza, niwe utanga umusaruro yiteza imbere n'igihugu kibaboneraho atanga umusoro n'ibindi..

Iri ijambo ry'ibanze turakomoza ku bafite ubumuga muri iki gihe kitoroshye gisaba kwitwararika mu rwego rwo kwirinda icyorezo cya Covid-19, hubahirizwa ingamba zo kugihashya. Mu by'ukuri dutereye ijisho ku bukangurambaga bwatanzwe na Minisiteri y'Ubuzima, abafite ubumuga babashije kubukurikira kimwe n'abandi Banyarwanda hifashishijwe uburyo bwashyizweho hakorwa n'ubukangurambaga, bwumvikana kuri bose.

Hashyizweho uburyo butandukanye busobanura uko kwirinda bikorwa, ku mateleviziyo hashyizweho ururimi rw'amarenga, Abafite ubumuga bw'ubugufi, bashyiriweho uburyo bwo gukaraba intoki hacishijwe bugufi ubukarabiro kugirango nabo bibagereho, mbese mu byiciro byose ntawacikanywe hari icyakozwe kandi cyabyaye umusaruro.

Akarusho ni uko ahahurirwa n'abantu benshi, aho abagenzi bategera imodoka, amasoko n'ahandi, haboneka urubyiruko rw'abakorerabushake rufasha abantu gushyira mu bikorwa ingamba zo kwirinda iki cyorezo cya Covid -19, nko guhana intera, kwambara agapfukamunwa neza, gukaraba intoki, bayobora bakanafasha ab'intege nke n'abafite ubumuga by'umwihariko.

Leta ndetse n'imiryango itera inkunga abafite ubumuga yakoze uko ishoboye kugirango mu bufasha igenera ibagenera butandukanye muri iki gihe cya Covid-19, hashyizweho imbaraga kugirango iki cyorezo kitibasira abafite ubumuga. N'ubwo imibare itangazwa itadoma urutoki buri kiciro cy'abayanduye cyangwa abo yahitanye, uko bihagaze ubu mu Rwanda, abafite ubumuga bahagaze neza.

Ni intambwe ishimishije, ni igitego cyatsinzwe na Leta y'u Rwanda kubera umuhati yashyizeho mu bukangurambaga bwageze kuri buri Munyarwanda wese. Ariko nk'uko tubikangurirwa na Minisiteri y'Ubuzima n'izindi nzego zitandukanye, mu gihe nta muti n'urukingo biraboneka, turasabwa gukomeza kwirinda, dukurikiza amabwiriza yashyizweho.

Twibutse ko abafite ubumuga babarirwa mu byiciro bitandukanye aribyo ; Abafite ubumuga bw'ingingo, Abafite ubumuga bwo kutumva no kutavuga, Abafite ubumuga bw'ubugufi bukabije, Abafite ubumuga bw'uruhu, Abafite ubumuga bwo kutabona, abafite ubumuga bwo mu mutwe, abafite ubumuga bukomatanyije n'abandi. Abo bose bakwiye gukomeza gufashwa no koroherezwa mu bishoboka byose, kugirango bakomeze kwirinda iki cyorezo.

Aimable BUKEBUKE

Abagize Inama y'ubwanditsi

UMUYOBOZI MUKURU: Bukebuke Aimable
UMWANDITSI MUKURU: Karegeya Jean Baptiste
UMWANDITSI MUKURU W'UNGIRIJE: Mukagahizi Rose
ABANYAMAKURU: Habimana Jean Pierre, Musafiri Innocent, Uwizeyimana M. Louise, Bigirimfura Rachid,
GRAPHICS & DESIGN: Kayitare Jean B.

PHOTOGRAPHY: ROJAPED

# Abafite ubumuga bishimira amategeko meza aborohereza, nubwo adashyirwa mu bikorwa nkuko bikwiye



*Bimwe mu bikorwa bya serivise bibangamira abafite ubumuga.*

Abafite ubumuga b'ingeri zose bishimira ko mu Rwanda hashyizweho amategeko aborohereza, nyamara bakanenga uburyo ashyirwa mu bikorwa kandi abanyuranya nayo ntibafatirwe ibihano. Bavuga nk'itegeko no 01/2007 ryo ku wa 20/01/2007 rivuga ku burenganzira bw'abafite ubumuga.

Ibimenyetso byo mu mihanda ntibigaragaza aho uwitwaje inkoni y'abatabona anyura. Imwe mu miturirwa izamurwa mu mijyi y'u Rwanda ntiteganya inzira y'abafite ubumuga bw'ingingo, amashuri ashingwa buri munsi nta ntabe cyangwa ibibaho byorohereza abafite ubumuga bw'ubugufi bukabije. Amahoteli yo mu Rwanda afite ubwiherero bw'abafite ubumuga bw'ingingo ni mbarwa. Izi ngero n'izindi nkazo, zigira ingaruka ku bafite ubumuga mu buryo bunyuranye.

Komezusenge Charles ufite ubumuga bw'uruhu, yatsinzwe ikizamini cya Leta kubera uburyo cyacapwagwa hahitawe ku bumuga yari afite, kugira ngo ahabwe ikizamini gituma asoma neza inyuguti.

Agira ati" Batwicazaga bakurikije uburebure, kandi nari muremure, bigatuma nicara inyuma simbone neza ibyo mwarimu yandika ku kibaho, kuko ntabwo babagaga babyitayeho".

Nyamara itegeko no 01/2007 ryo ku wa 20/01/2007 rivuga ku burenganzira bw'abafite ubumuga mu bijyanye no gutwara abantu, itumanaho no kugera ku bikorwa remezo.

Ingingo yaryo ya 25 ivuga ko inyubako zikorerwamo serivisi zitandukanye zigenewe abaturage zigomba kuba ziteye kuburyo zorohereza abafite ubumuga kugera aho izo serivisi zitangirwa.

Abafite ubumuga bavuga ko itegeko ryanditse neza ariko kurishyira mu bikorwa bikaba bidahabwa imbaraga. Batanga ingero nko ku nzira zigera ku nkiko, kwa muganga, aho bategera imodoka, uburyo bwo kwinjira mu modoka zitwara abagenzi muri rusange, ku biro by'inzego z'ibanze ndetse n'imihanda ibangamye kugendamo, ari zimwe mu nzitizi bahura nazo mu Rwanda.

Dr Kanimba Donathilla uyobora Ubumwe nyarwanda bw'abafite ubumuga bwo kutabona mu Rwanda (RUB) avuga ko abona byaratangiye kwitabwaho, kuko byibuze nk'ibirango ku mihanda bishobora korohera kuyobora ugutwaye, ndetse hari za ruhurura zagiye zipfundikirwa n'ibiraro byarubakiwe ku buryo nta wakigwamo.

Ati "Icyo batitayeho ni inzira ziyobora umuntu utabona, bamwe batwara inkoni, turifuza ko nazo zagaragara, cyane cyane kwinjira mu mazu cyangwa kugenda ku nkengero z'imihanda, aho hamwe na hamwe hari za ruhurura, wibeshye gato wagwamo".

Yongeraho ko ashimira inzego zibyitaho, kuko abatanga ibyangombwa byo kubaka babisaba nka kimwe kigomba kwitabwaho.

Naho Murera Emmanuel ushinzwe ubushakashatsi mu nama cy'igihugu y'abantu bafite ubumuga NCDP, avuga ko imyaka 9 ishize kuva NCPD igiyeho, bagaragaza iki kibazo ariko ko mu nyubako za kera hakirimo imbogamizi, kandi zikoreramo inzego zikenerwa n'abantu bose.

Ku bwa Depite Musolini Eugene uhagarariye abafite ubumuga mu nteko ishinga amategeko, ngo hari ibimaze gukorwa ariko ngo baracyakomeje gusaba ko binozwa. Anasaba abantu kuzirikana ko ubumuga nta we ubwikururira, ko n'undi wese yabugira. Ati, "Turacyafite ikibazo mu mashuri, cyakora amashuri yubakwa ubu bagerageza kubahiriza inzira z'abafite ubumuga kandi turasaba abantu ko iki kibazo kitareba abafite ubumuga gusa, abantu bose bumve ko bibareba, kuko ni ibintu umuntu atihamagarira."

Yemeza ko bitoroshye kubera impamvu nyinshi zirimo ubukungu na sosiyete itabyumva, ariko ngo nubwo ari urugendo rurerure birashoboka.

Mu kiganiro minisitiri w'Uburezi yagiranye n'abanyamakuru ku wa 19 Kamena uyu mwaka, yavuze ko amashuri yose ari kubakwa azaba yujuje ibipimo byorohereza n'abafite ubumuga ubwo aribwo bwose. Musafili Eugene abishimangira avuga ko abadepite baheruka kuzenguraka bareba uko ayo mashuri ari kubakwa, bakaba barasanze biri gukorwa neza

*M.Louise Uwizeyimana*

# Abafite Ubumuga barifuza kugira icyiciro cy'ubudehe gitandukanye n'icy'imiryango yabo

Abafite ubumuga butandukanye bifuza ko batandikanywa n'abo mu miryango yabo mu gihe cyo kubashyira mu byiciro by'ubudehe kuko bibabangamira mu kwivuza. Ibi abafite ubumuga barabisaba mu gihe hari gahunda yo kuvugurura ibyiciro by'ubudehe bigomba gutangazwa mu ntangiriro z'umwaka utaha 2021.

Abafite ubumuga ndetse n'ababitaho mu muryango, bavuga ko bagihura n'ibibazo bitandukanye, cyane nko mu gihe hagize ukenera ubuvuzi bwihuse kandi umuryango we wose utararangiza kwishyura ubwisungane mu kwivuza.

Mukankiko Seraphine, afite umwana ufite ubumuga bwo mu mutwe n'ubw'ingingo. Atuye mu karere ka Gasabo, umurenge wa Rutunga. Agira ati, " Birakwiye ko abafite ubumuga nabo bahabwa ibyiciro byabo batagendeye ku miryango yabo cyangwa ababarera kuko ubu maze imyaka ibiri nishyurira ubwisungane mu kwivuza umugabo udahari wantaye kugirango mbashe kuvuza uyu mwana, iyo aba afite icyiciro cye ntibyari kumvuna ." Mukankiko akomeza avuga ko asabwa kwishyurira umuryango wose harimo n'umugabo wamutaye amuziza ko yabyaye umwana ufite ubumuga kugirango umwana we avurwe .

Ati " Iyo uyu mwana wanjye ufite ubumuga aba afite icyiciro cye mba mwishyurira ku gihe kuko ubu hari igihe bingora kubona amafaranga y'abantu bane icyarimwe kandi we nta mezi abiri yamara atagiye ku bitaro."

Usibye izi ngaruka zigera ku miryango y'abafite ubumuga n'abafite ubumuga ubwabo bifuza ko bashyirwa mu byiciro byabo byihariye kugirango badasubiza umuryango inyuma kubera kuwubera umuzigo.

Benimana Gad wo mu karere ka Kicukiro, we afite ubumuga bwo kutabona avuga ko afite icyiciro cye adahuriyeho n'umuryango aribyo byabafasha bose kwiteza imbere.

Ati "Ushobora kuba ufite ubumuga butuma nta kintu na kimwe ubasha gukora ariko uri mu muryango ubarizwa mu cyiciro cya gatatu. Umuryango wawe uzakoresha imbaraga nyinshi mu kukwitaho ku buryo bizawugora gutera imbere, ugasanga ni nk'aho wabaye umuzigo".

Akomeza agira ati "Hari ibyiciro byashyizweho bigaragaza uburemere bw'ubumuga umuntu afite ndetse hari n'amakarita abigaragaza. Ku bwanjye nifuza ko ibyo byiciro ari byo byaherwaho kugira ngo ufite ubumuga adakomeza kuremerera umuryango, ahubwo abone n'ubundi buryo yafashwamo, cyane ko Leta na yo ikora ibishoboka byose ngo itwiteho".



*Minisitiri w'ubutegetsi bw'igihugu, Prof. Shyaka Anastase.*

Usibye ibi bibazo bigaragazwa n'abafite ubumuga n'imiryango yabo hari n'abandi babonye ko ari ikibazo kuko nk'iyo bashatse gutanga ubufasha bwabo ku bafite ubumuga bisaba gufasha umuryango wose.

Kubwimana avuga ko yashatse kugirira neza ufute ubumuga ashaka kumwishyrurira ubwisungane mu kwivuza ariko agorwa no gusaba kwishyurira umuryango wose kugirango atangire kwivuza.

Ati "Hari igihe ubona umuntu ufite ubumuga anakomoka mu muryango ukennye ukumva icyo wamufasha kikamugirira akamaro ari ukumwishyurira ubwisungane mu kwivuza ariko ntibikunde kuko abandi bo mu muryango batarishyura, bagombye guhabwa ibyiciro byihariye".

Nubwo leta ivuga ko ibi byiciro bishya by'ubudehe bitazakoreshwa mu gutanga serivisi runaka mu nzego z'ubuyobozi ariko politiki y'ubwisungane mu kwivuza igena ko abagize umuryango bose babanza kwishyura mbere yuko batangira kwivuza.

Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga (NCPD) ivuga ko ibi bibazo bizwi, ngo bikaba biri mu bizitabwaho mbere y'uko ibyiciro by'ubudehe bishya bitangira gukurikizwa.

Emmanuel Murera ushinzwe ubushakashatsi muri NCPD, ati "Ibyo bibazo birumvikana, ikigiye gukorwa muri aya mezi atandatu ya mbere y'uko ibyiciro by'ubudehe bishya bitangira gukoreshwa, ni amahugurwa y'abafite ubumuga ubwabo ndetse n'abayobozi mu nzego z'ibanze kugira ngo bimenyekane. Bizatuma ijwi ry'abafite ubumuga ryumvikana kurushaho banitabweho by'umwihariko".

***BUGIRIMFURA Rachid***

# NCPD, ROJAPED NA RBA, BIYEMEJE GUFATANYA GUHA IJAMBO NO KUGEZA AMAKURU KU BAFITE UBUMUGA

Mu kwezi kwa Kanama muri uyu mwaka, hasinywe Amasezerano y'ubufatanye hagati y'Ikigo cy'Igihugu cy'Itangazamakuru (RBA), Inama y'Igihugu y'Abafite Ubumuga (NCPD) n'Umuryango w'Abanyamakuru uharanira uburenganzira bwo gukoresha itangazamakuru ku bafite ubumuga (ROJAPED) hagamijwe koroherezanya gutambutsa ibiganiro bya Televiziyo na Radiyo ku nyungu zabo by'umwihariko. Ayo masezerano agaragaza uruhare buri rwego rufite mu gutuma ibyo biganiro bikorwa mu nyungu rusange kandi bikubahiriza amahame n'amategeko u Rwanda rugenderaho.

Mu by'ukuri, ubufatanye nk'ubu ni icyemezo gikomeye kandi cy'indashyikirwa kuko byagaragaye ko abafite ubumuga bashobora guhindura imibereho yabo vuba, kandi ku buryo burambye bivuye mu kubona amakuru abafitiye akamaro, anabasha gutambutsa ijwi ryabo rikagera kure hashoboka. Abafite ubumuga bakeneye kumenyeshwa ibibareba nk'uko abaturage bose bakeneye gusobanukirwa neza ibirebana n'uburenganzira bwabo, bityo abafite ubumuga bafite nabo kumenya uruhare bafite mu kubahiriza ubwo burenganzira.

Hashingiwe rero ku mahame, amategeko n'amasezerano mpuzamahanga, hagendewe kandi no ku ntego zo kugeza amakuru kuri bose, by'umwihariko abafite ubumuga, impande zose uko ari eshatu, zasanze zihuriye kuri izo ntego maze ziyemeza gufatanya mu gutegura no gutambutsa mu bitangazamakuru bya RBA rimwe mu cyumweru, ikiganiro cya televiziyo n'icya radiyo bifite iminota 15, buri kimwe kikagenerwa iminota 15.

Amasezerano akaba atenganyijwe kumara imyaka itatu ishobora kongerwa mu gihe bibaye ngombwa. Aha RBA yiyemeje kugabanya ibiciro ku biganiro byateguwe na ROJAPED, NCPD yo yiyemeje gutanga umurongo ugendeye kuri politiki y'igihugu no gushaka inkunga yo gushyigikira iki gikorwa, mu gihe ROJAPED yo yemeye gutegura neza ibiganiro no gukusanya inkunga ikenewe ngo bikorwe neza. RBA yiyemeje kandi kugabana na ROJAPED inyungu ikomoka ku bikorwa byo kwamamaza bikozwe muri ibyo biganiro mu rwego rwo gutuma igira ubushobozi buhoraho bwo gutegura ibiganiro na nyuma y'uko amasezerano yaba yarangiye.

Mu by'ukuri aya masezerano atanga amahirwe menshi, ariko ay'ingenzi ni uko hazabaho gushaka amakuru yerekeye ubumuga bw'ingeri zitandukanye (abana, abagore, abagabo, abishyize hamwe, abafite ubumuga bukabije cyangwa bukomatanye, ….), mu gihe akenshi kugeza ubu wasangaga haba ibiganiro bivuga ku bumuga runaka cyangwa ku rwego runaka gusa.

Hazabaho kandi kwegera abafite ubumuga aho bahererereye kugeza mu masibo, mu makoperative n'amatsinda,…kugira ngo bahabwe ijambo, kuko kuri ubu kubera ubushobozi buke, usanga hari benshi batabasha kugerwaho. Ibi biganiro kandi, kuba biteganyijwe mu gihe cy'imyaka itatu, bizatuma imyumvire mu Muryango Nyarwanda irushaho kunogera abafite ubumuga, kuko bizaba bica mu bitangazamakuru bikoreshwa n'abantu benshi mu gihugu, ndetse no mu mahanga.

Kugeza ubu usanga haba ikiganiro kimara igihe gito bityo ubutumwa gitambutsa bukaba bwakwibagirana vuba kandi abo bugeraho bakaba bake. Bizatuma nanone abafite ubumuga bo mu Rwanda babasha kugeza ubutumwa ku isi yose kuko ibitangazamakuru bya RBA biri ku mbuga nkoranyambaga zitandukanye.

Ikindi gishimishije muri aya masezerano ni uko ibiganiro nk'ibi bifasha kumenyekanisha ibikorwa by'inzego zitandukanye zita ku bantu bafite ubumuga. Akenshi abafatanyabikorwa batandukanye bita ku bafite ubumuga, usanga bakora byinshi byiza kandi bikenewe kumenyekanishwa ku nyungu rusange ariko ntibabashe kubimenyekanisha kubera ko baburaga ubushobozi (amafranga), bukwiye ngo bakoreshe ibitangazamakuru bikomeye birimo n'ibya RBA. Aya masezerano aha urubuga izo nzego kuko zizabasha gukoresha amafranga make cyane ariko zigahabwa serivisi nziza.

Mu gihe rero byari bikomereye buri rwego rwasinye kuri aya masezerano, ndetse n'abafatanyabikorwa babo mu gukora igikorwa nk'iki, habayeho kwisunga umuco wacu usanzwe w'ubufatanye n'ubutore. Hagendewe ku ihame ry'ubutore rigira riti: «Intore ntiganya ishaka ibisubizo no mu ishyamba ry'inzitanye yishakira inzira», ibisubizo bihamye byarabonetse. Birakwiye ko aya masezerano ashyigikirwa na buri wese bireba, inyungu zirimo ni nyinshi, haba ku bafite ubumuga, ku babafasha ndetse no ku Muryango Nyarwanda muri rusange.

IBICIRO BYO KWAMAMAZA

Page 1 ifite amabara 400,000 Frw
Page 1 idafite amabara 300,000 Frw
Page 1/2 ifite amabara 200,000 Frw
Page 1/2 idafite amabara 150,000 Frw

Contacts Tel: +250 - 788521257

# Gatagara : Ababyeyi b' abana bafite ubumuga bakoresha mituweli bahangayikishijwe no kutabona serivisi zose z'ubuvuzi



Bamwe mu babyeyi bavuriza abana bafite ubumuga mu bitaro bya HVP Gatagara biganjemo abakenera serivisi z'ubugororangingo bw'abana, bavuga ko bahangayikishijwe n'uburyo ubwisungane mu kwivuza (mituelle de Santé ) ibishyurira iyi serivisi inshuro imwe mu mwaka gusa bigatuma abana babo badindira kuko babagarura kwa muganga barasubiye inyuma.

Uhoranimana Sayidati ni umwe mu babyeyi bavuza abana mu bitaro bya HVP Gatagara mu karere ka Nyanza. Uyu mubyeyi tumusanze ku bitaro byita ku bafite ubumuga bya HVP Gatagara. Yazanye umwana we ufite ubumuga butuma adashobora guhagarara no gutambuka, uturuka mu karere ka Gasabo aho yaturutse tariki ya 15 ugushyingo 2020 azamara amezi abiri avuza umwana we muri serivisi y'ubugororangingo, avuga ko serivisi y'ubugororangingo avurizamo umwana we ikora inshuro imwe mu mwaka gusa.

Ibi ngo bimugiraho ingaruka zo kugarura umwana yarasubiye inyuma . Agira ati, "Muri iyi serivisi tubona hivuza abafite umushinga kuko n'abaganga baba batubwira ngo tuzashake umushinga iyo utawubonye rero ugaruka rimwe mu mwaka niko mitueli yishyura. Biratubangamiye cyane kuko bituma umwana umugarura yarasubiye inyuma cyane ibyo bamwigishije mu myitozo babakoresha igihe bamugorora ,bamufatisha ibintu se bamwigisha kugenda nyuma y'umwaka aba yarabyibagiwe uragaruka na none ugatangira bushyashya ugahora gutyo."

Akomeza agira ati: "Twe dukoresha mituweli biratubabaza cyane usanga ari twe abana bacu bari inyuma ,nk'ubu nzamara hano amezi 2 nzahava mu kwa 12 ubu bashobora kuzampa indi gahunda yo kumugarura mu kwezi kwa 9 umwaka utaha, kubera ko nyine twemerewe kuvuza rimwe gusa mu mwaka, urumva ko nzamugarurura yarasubiye inyuma n'ibyo bamwigisha uyu munsi azaba yarabyibagiwe."

N'abaganga barabihamya, kandi birababangamira mu kazi

Uku kutishyura serivisi zose zikorerwa abana ni ikibazo ngo kigira ingaruka ku mivurire y'umwana kuko binemezwa na Byukusenge Béatrice ukuriye serivisi z'ubugororangingo mu bitaro bya Gatagara uvuga ko ubuvuzi baha mwene aba bana busaba ko bamukurikirana cyane kuko bisaba ko umwana amara amezi 2 ari kumwe n'abaganga, akajya mu kiruhuko cy'amezi abiri akazongera akagaruka nyuma y'amezi abiri ariko kubakoresha mituweli ngo nibo bafite ikibazo kuko ubundi bwishingizi nta kibazo bufite.

Agira ati : "Ubundi bwishingizi n'imishinga nta kibazo tugirana bubahiriza gahunda y'umwana bakamwishyurira, ikibazo tukigirana n'abakoresha mituweli natwe abaganga biratubangamira kuko umwana agaruka yarasubiye inyuma, tugahora tumuvura dusa n'abatangira bushya bigatuma umwana ntacyo bimumarira niba aza rimwe gusa mu mwaka kandi ubundi aba agomba kugaruka nyuma y'amezi abiri."

Frère Misago Kizito umuyobozi w'ibi bitaro avuga ko muri rusange kuba mituweli yari yemeye kujya yishingira abaza kwivuriza muri ibi bitaro byari byagize akamaro kuko byatumaga abafite ubumuga batishoboye bahera mu ngo ntibivuze ariko ubu ngo basigaye baza ari benshi.

Icyakora ngo haracyari ubuvuzi butari bwishingirwa na mituweli kandi buba bukenewe cyane ngo byaba byiza na zo bagiye bazihabwa.

Agira ati : "Biratubabaza nko kubona umurwayi yari akeneye nk'insimburangingo ariko tukaba tutayimuha kuko mituweli itazishyura kandi ni ibintu biba bihenze cyane umurwayi atabasha kwigurira keretse uwagize amahiwe akabona abagira neza bakazimugurira. Hari n'abakeneye ubugororangingo hari ibyo dukora byoroheje bazishyurirwa hari n'ibyo tudakora kandi tubishoboye ariko kuko batazemerewe ntitube twabimukorera."

Ku ruhande rw'Ikigo cy'Ubwiteganyirize mu Rwanda (RSSB) Muziganyi Florence ushinzwe ibikorwa by'ubuvuzi bwa Mituweli avuga ko kwishyurira abarwayi biterwa n'ubumuga bafite n'igihe buzakirira kandi ngo ibi byakozwe hagendewe ku nama bakoranye n'abaganga b'ibi bitaro kuko ari bo babisobanukiwe.

Agira ati : "Twishyura kuva ku nshuro 20 kugeza kuri 60 ni zo twumvikanye kandi nazo ziri mu byiciro bitewe n'uburwayi ,iyo babona ko adashobora gukira ,cyangwa azakenera kubagwa , azagendera mu kagare ubwo hari ingamba zo kumuvura baba bafite , ariko iyo ari ubumuga bwa burundu ari iby'ubuzima bwose ntabwo dushobora kubyinjiramo kandi nabo barabizi."

Gusa, Muziganyi akomeza avuga ko kubakenera insimburangingo ngo bahisemo izo mituweli ishobora kwishyura kubera amikoro make kuko zose ngo badashobora kuzishyura, icyakora ngo iyo ubushobozi bubonetse ni nako bongera ingano y'ibyo mituweli yishingira.

Kugeza ubu ubuyobozi bwa HVP Gatagara buvuga ko mu barwayi bagana ibi bitaro byita ku bafite ubumuga abenshi ari ababa bakoresha ubwisungane mu kwivuza bwa mituweli, ibi bitaro ngo bikaba byakira nibura abafite ubumuga baje kwivuza bashya 60 ku munsi kuko abenshi aba ari abo basanzwe bakurikirana bagenda bagaruka kuri gahunda bahawe.

*Rose Mukagahizi*

Vol. 008 Ugushyingo, 2020


# Covid-19 yahungabanyije serivisi z'ibigo byita ku bafite ubumuga

Bimwe mu bigo byita ku bafite ubumuga bivuga ko serivisi zabyo zahungabanyijwe na covid-19 kuko ubushobozi bwababanye buke kandi aribwo basabwaga byinshi birimo kurinda ababa muri ibyo bigo kutandura Covid-19.

AVEH Umurerwa ni ikigo kiri mu Karere ka Bugesera cyita ku bana bafite ubumuga bwo mu mutwe. Cyita ku buzima bw'abana 20 umunsi ku munsi baba mu kigo kuko nta muryango bafite ndetse n'abandi 102 yitaho bari mu miryango yabo mu kubahiriza gahunda ya leta yo kurerera abana bose mu muryango.

Iki kigo cyita ku burezi bwabo, ubuzima n'imibereho myiza yabo. Umunyana Cécile uyobora iki kigo avuga ko muri serivisi batanga iy'ubuvuzi ariyo yahungabanye cyane muri ibi bihe bya Covid-19.

" Ibindi twagerageje kurwana nabyo birakunda ariko ku buvuzi ntibyakunze kuko dufite abana 102 twitaho bataba mu kigo. Mu bihe bya guma mu rugo rero ntitwabashije kujya kubavuza kuko hari abagombaga kajya gufata imiti ku bitaro I Ndera no kubonana na muganga



*Umuyobozi wa Jordan Foundation.*

ariko ntibyakunze kubera ibyo bihe."

Usibye izi ngaruka zageze ku barwayi hari n'izageze ku buyobozi zishingiye ku bushobozi nk'uko Umunyana Cécile akomeza abivuga.

" Ibibazo by'ubushobozi nabyo twahuye nabyo kuko ikigo ni icy'abantu bishyize hamwe ngo bafashe abafite ubumuga. Muri iki gihe rero benshi batakaje akazi bigira ingaruka ku bufasha bageneraga ikigo."

Avahe yita ku buzima bw'abana 20 umunsi ku munsi baba mu kigo kuko nta muryango bafite ndetse n'abandi 102 yitaho bari mu miryango yabo mu kubahiriza gahunda ya leta yo kurerera abana bose mu muryango.

AVEH Umurerwa ivuga ko mu bihe bya Covid-19 abana bakomeje kubaho ubuzima basanzwe, kuko bahawe ubufasha n'akarere ka Bugesera mu byo kurya n'inama y'igihugu y'abafite ubumuga NCPD ibakorera ubuvugizi ku miryango itandukanye itari iya leta ibaha ibikoresho by'isuku byababafashije gukomeza kwirinda Covid-19.

Naho Jordan Foundation yo iri mu mujyi wa Kigali mu Karere ka Gasabo, yita ku bana bafite ubumuga bwo kutabona. Jordan Foundation imaze imyaka itatu yita ku bana bafite ubumuga bwo kutabona guhera ku myaka itatu y'amavuko ikabafasha kwiga, kuvuzwa n'imibereho myiza. Abana 20 biga amashuri y'incuke aho barererwa, naho abandi 40 ikabishyurira amashuri abanza mu Karere ka Rwamagana no mu Karere ka Nyaruguru ahari amashuri yihariye yita ku bafite ubumuga bwo kutabona.

Nacyo kivuga ko kitorohewe n'ibihe bya Covid-19 kuko yakomye mu nkokora umushinga wabo wo kubaka amashuri y'abana batabona.

Bahati Vannessa uyobora iki kigo, avuga ko amashuri yihariye y'abafite ubumuga bwo kutabona bubakaga atarangiye kubera ko iki cyorezo cyatumye babura ubushobozi.

Agira ati, "Uyu mwaka twateganyaga kurangiza amashuri abanza y'abana batabona turera, ariko ntibyakunze kuko iki cyorezo cyahungabanyije ubukungu bw'abafatanyabikorwa bacu. Ubu umwaka utaha bazakomeza kubishyurira kujya kwiga hanze kandi twifuzaga ko serivisi zose bazihererwa aho barererwa iwacu."

Usibye kuba aya mashuri yubakwaga atararangiye, iki cyorezo kandi kizatuma nta bandi bana bashya bakirwa muri Jordan Foundation mu mwakautaha wa 2021.

Bahati ati, "Ntabwo tuzafata abana bashya uyu mwaka nk'uko dusanzwe tubikora buri mwaka, kuko ibyo twagombaga gukorera abo twakiriye mu ntangiriro z'uyu mwaka (2020) tutabikoze, ubwo abo twakiriye uyu mwaka nibo tuzakomeza kwitaho umwaka utaha."


Jordan Foundation isaba leta kwita ku bigo by'abafite ubumuga ikabibuka mu gihe iri muri gahunda ziteza imbere abaturage kuko abafite ubumuga bakenera ibidasanzwe mu buzima kugira ngo bajyane n'abadafite ubumuga. Ati, "Nk'ubu hari kubakwa amashuri n'ibigo byita kubafite ubumuga byagakwiye kwibukwa nibura bakagira inyubako babyogereramo nk'aho kuryama (dortoire) amashuri n'ibindi. Kuko uko abana batabona bakomeza kutitabwaho niko ibibazo byabo byiyongera."

**"Uyu mwaka twateganyaga kurangiza amashuri abanza y'abana batabona turera, ariko ntibyakunze kuko iki cyorezo cyahungabanyije ubukungu bw'abafatanyabikorwa bacu**

***Bugirimfura Rachid***


Abafite ubumuga bwo kutabona,
ntibamenya guhana intera ya metero n'abandi


Amabwiriza atangwa ku maradiyo na vuvuzela
ntagera ku bafite ubumuga bwo kutumva
Twirinde,
covid -19 twambara neza agapfukamunwa


Abafite ubumuga bw'ubugufi bukabije
ntiborohewe no kugera kuri
"Kandagira ukarabe"


Imiti ikarabwa mu ntoki itera ibiheri
abafite ubumuga bw'uruhu,
kandi agapfukamunwa kakabatwika

# Muhanga : Covid-19 yatumye abafite ubumuga bakora ubukorikori babura isoko ry'ibyo baboshye



Abafite ubumuga butandukanye bwiganjemo ubw'ingingo n'ubwo mu mutwe , bibumbiye muri koperative Tuzamurane ikora ububoshyi n'ubudozi bw'ibintu bitandukanye. Ubu barasaba ubuyobozi kubafasha kubona isoko ry'ibyo baboha, cyangwa bagashakirwa ikibanza mu isoko cyo kubicururizamo kuko icyorezo cya covid -19 cyatumye babura aho babigurishiriza.

Koperative Tuzamurane, ikorera mu kagari ka Remera umurenge wa Nyamabuye. Mu byo baboha harimo ibiseke , imyenda yo kwifubika, intebe n'indi mitako itandukanye iboheshwejwe inshinge, imigwegwe, imifuka itatse amabara atandukanye; nyamara ubu byose nta soko ryabyo bafite.

Mukanyonga Christine ugendera ku mbago kubera ubumuga bw'akaguru, ni we uhagarariye iyi koperative . Tumusanze arimo gukora isuku aho iyi koperative ikorera ikanahabika ibyo baboshye mu nzu batijwe n'akagari ka Remera. Avuga ko mbere y'uko icyorezo cya covid 19 kigera mu Rwanda , bari basanzwe baboha, bakabona isoko rito bitewe n'uko aka karere kajyaga kabatumira mu mamurikagurisha atandukanye kabaga kateguye.

Nyuma yo kubona ko ibikorwa byabo bifatika, Mukanyonga avuga ko iyi koperative yahawe inkunga y'amafaranga angana na miriyoni imwe mu kwezi kwa mbere uyu mwaka, maze covid igera mu Rwanda bamaze kugura ibikoresho byinshi, barakora cyane bagamije kwagura ibikorwa. Kuri ubu ibyo baboshye icyo gihe biracyari mu bubiko bwabo kuko babiburiye isoko. Agira ati : "Turashima inkunga twahawe tukagura ibikorwa byacu ariko dufite ikibazo cy'isoko ibyo twakoze byaduhezeho kandi niho twakuraga imibereho, baramutse badushakiye aho twajya tubigemura byadufasha cyangwa se banaduhe ikibanza mu isoko aho abantu bose babona , wenda twazahabonera abakiriya."

Twagirimana Jean ufite ubumuga bw'akaboko k'iburyo, aboha udukapu dukunze gukoreshwa n'abagore. Hamwe n'abandi banyamuryango bicaye hanze ku rubaraza rw'inyubako bakoreramo bahanye intera barimo baraboha.

Uyu mugabo anavuga ko ari ho yakuraga imibereho, none ngo ibyo bari baratangiye gukora byahise bihagarara kuko batari bemerewe kongera gukorera hamwe. Leta ngo yongeye ikabafasha kubona isoko ry'ibyo bakoze byabafasha mu mibereho yabo.

> **Leta ni umubyeyi yakongera ikadufasha tukabona uko tugurisha ibi bintu byacu, gukora byo turakora tuzanakomeza no gukora ibindi ariko tudafite isoko ntacyo byatumarira."**

Agira ati : "N'ubundi Leta ni umubyeyi yakongera ikadufasha tukabona uko tugurisha ibi bintu byacu, gukora byo turakora tuzanakomeza no gukora ibindi ariko tudafite isoko ntacyo byatumarira."

Kuri iki kibazo cyo kubona isoko ry'aho bacururiza , umukozi w'Akarere ka Muhanga ushinzwe abafite ubumuga abasaba kwirwanaho bashaka isoko, nyuma yo kubona inkunga y'akarere. Ku bwe, Kamangu Samuel avuga ko icya mbere kwari ukubaha inkunga , ngo bagure ibikorwa byabo kandi ngo barabikoze ahasigaye nabo bakwiye kugira uruhare mu gushaka isoko ry'ibyo baboha icyakora ngo nibaramuka babagaragarije ikibazo bafite bakorerwa ubuvugizi.

Agira ati : "Aho basanzwe bakorera ni ku biro by'akagari bahakoreraga ku buntu ,baramutse bashatse kujya mu isoko ubwo bakwishyura ubukode bw'ikibanza ndetse bakanasora cyangwa banakwandikira inama njyanama bagaragaza ikibazo bafite ko bakiyubaka ikaba yabasonera bijya bibaho nk'amezi 6 badasora".

Irihose Aimable (ugendera mu igare kubera ubumuga afite bw'ingingo), ni we ukuriye Komisiyo y'ubukungu mu nama y'abafite ubumuga mu karere ka Muhanga. Avuga ko muri rusange amakoperative y' abafite ubumuga yagizweho ingaruka kuko amenshi ngo yari ay'abakora ibijyanye n'ubukorikori kandi abaguraga ibyo bakora bakaba nabo baramaze igihe badakora kubera gahunda ya guma mu rugo.

Agira ati : "Urebye abafite ubumuga bagizweho ingaruka za covid -19 inshuro 2, kuko hari uwari utunzwe n'utwo yakoraga turahagarara hari n'uwari utunzwe n'undi muntu uwo wari umutunze akazi kakaba kararangiye kuko hari n'uwo tujya duhura akambwira ko yabuze na 500 yo kugura agapfukamunwa."

Mu karere kose ka Muhanga habarurwa Koperative 23 z'abafite ubumuga, iyi koperative Tuzamurane ivuga ko yabuze isoko ry'ibyo baboshye igizwe n'abanyamuryango 13 ikaba yaratangiye ari itsinda rigizwe n'abanyamuryango 22 abagera ku 9 bakaba baramaze kuyisezeramo.

*Rose Mukagahizi*

# Ruhango: Inkunga yatewe abafite ubumuga yaheze kuri konti

Icyorezo cya Covid -19 cyadindije imishinga ya zimwe muri koperative z'abafite ubumuga, aho cyagejeze mu Rwanda izari zikimara kubona inkunga ubu yaheze kuri makonti yabo.

Koperative Bahoneza ni imwe mu makoperative 15 y'abafite ubumuga yo mu karere ka Ruhango ikorera mu kagari ka Kirengeri mu murenge wa Byimana , iyi koperative yari yatewe inkunga n'Akarere ka Ruhango mu mushinga yari ifite wo kwigisha abafite ubumuga umwuga wo gukora inkweto.

Iyi koperative ikorera mu nzu zubatswe n'akarere zubakiwe abanyabukorikori ntacyo ubu ifite cyo gukora kuko nta mashini zo kudoda inkweto bafite , nta bikoresho bifatika bihari nk'impu zikorwamo inkweto bafite , abanyamuryango bayo baratatanye kuko umushinga wabo wakomwe mu nkokora n'icyorezo cya covid -19, kuko cyageze mu Rwanda ari bwo bakimara kubona inkunga kugeza ubu ikaba yaraheze kuri konti yabo.



*Mayor wa Muhanga*

Gikundiro Marcellin ugenda yifashishije imbago imwe kubera ubumuga bw'ingingo afite , ni umwe mu bafite ubumuga bayishinze tumusanze ku cyicaro cy'iyi koperative n'agahinda kenshi , avuga ko bari bafite umushinga wo gufata abana 9 bafite ubumuga bakabigisha, nyuma yo kubimenya nabo bakaba muri koperative kugeza igihe abafite ubumuga bose bazaba bamaze kumenya uwo mwuga.

Agira ati : " Corona yaje tumaze igihe gito dutangiye duhita duhagarara amafaranga baduhaye y'inkunga turacyayafite kuko ntiturabona uko tugura ibikoresho byose bikenewe. Gusa, turakora dusimburana n'inkweto zirakorwa ariko ni nkeya dukorera uwadusabye kuzimukorera gusa ni ukwanga kwicara mu rugo."




Mudaheranwa Emile we agendera mu mbago kandi asanzwe azi kudoda inkweto, kuko yakoze mu bitaro bya Gatagara muri serivisi zikora inyunganirangingo n'insimburangingo; ni na we wagombaga kujya yigisha abandi . Yemeza ko umushinga wabo wari ufitiye akamaro abafite ubumuga bo muri aka gace .

N'umubabaro mwinshi, Mudaheranwa avuga ko ubu batatanye kuko batari bemewe kongera guhurira hamwe ari abantu benshi ngo bige , ubu asa n'ukora wenyine inkweto yasabwe n'umukiriya ushaka iyo kwiyambarira Icyakora ngo ubwo n'amashuri yatangiye nabo bagiye gutekereza uko bakwagura umushinga wabo.

Agira ati : "Ubundi twifuzaga ko abafite ubumuga bose baza bakiga uko bakora inkweto uwabishaka akagumana natwe muri koperative cyangwa agahitamo kujya gukorera aho ashaka , icya mbere twari tugamije nuko bakwikura mu bukene bakabaho neza gusa icyorezo cyaratubangamiye ariko turimo gutekereza uko twatangira natwe kwigisha."

Havugimana Gallican, umuyobozi w'ishami ry'imibereho myiza mu karere ka Ruhango , avuga ko muri aka karere hari higanje koperative z'abakora imyuga n'ubukorikori butandukanye, abakora ubuhinzi n'ubworozi ndetse n'abacuruza imyaka .

Uyu muyobozi avuga ko muri rusange koperative z'abafite ubumuga zose zagizweho ingaruka na covid-19 kuko ibikorwa bakoraga byabasabaga kubikora bari hamwe kandi ngo kwegerana bikaba bitari byemewe.

Icyakora ubu ngo barimo gukora igenzura no kwegeranya imibare mu mirenge yose ngo harebwe izagizweho ingaruka kurusha izindi.

Agira ati : "Hari ayo twari twateye inkunga amafaranga twabahaye n'ubundi ni ayo kubafasha gukora . Baramutse babonye uko bakora bayakoresha nta kibazo ariko twe ntitwayabaka gusa baramutse bayakoresheje ibitari biri mu mushinga birumvikana twayabaka."

Kugeza ubu mu karere ka Ruhango habarurwa amakoperative 15 y'abafite ubumuga , agera ku 8 niyo yari yatewe inkunga bitewe n'imishinga yabo, ari naho hari harimo koperative Bahoneza yari yahawe inkunga y'ibihumbi 750 . Iyi koperative ikaba yari ifite umushinga wo kwigisha gukora inkweto abanyamuryango bayo , nyuma bakazajya bazigurisha hirya no hino mu masoko yo muri aka karere.

Kuri ubu iyi koperative ikaba ivuga ko itaratangira neza imirimo yayo kuko amafaranga yabo akibitse kuri konti yabo kuko basanze nta bundi buryo bakoramo bahuriye hamw , kuko ubu bibasaba gukora basimburana kandi umwarimu ubigisha akaba ari umwe.

**_Rose Mukagahizi_**

# Rubavu: Abafite ubumuga bambutsaga ibintu ku magare barataka igihombo kubera Covid-19

COTTRARU, ni Cooperative yo kwambutsa ibicuruzwa ku mu mupaka muto uhuza imijyi ya Gisenyi na Goma. Igizwe n'abafite ubumuga basaga 200, ubu bakaba bamaze amezi arenga umunani badakora kubera icyorezo cya Covid-19 cyatumye imipaka ifungwa.

Iyi Cooperative ikorera ku mupaka w'u Rwanda na Congo ahazwi nka petite Bariyere mu Karere ka Rubavu.Uruhuri rw'ibibazo byugarije abanyamuryango kubera Covid-19, cyane ko bo bafite ubumuga nta wundi murimo bashobora gukora.

Ugeze kuri uyu mupaka magingo aya, ubona amagare menshi yangiritse kubera kunyagirwa aho aparitse, akaba ahamaze amezi umunani adakora ; ku buryo ba nyirayo bavuga ko bibasaba amafaranga arenga ibihumbi ijana kuri buri gare ngo risubire mu kazi.



*Abafite ubumuga bibumbiye mu makoperative.*

Kabasha Innocent, ni umunyamuryango. Avuga ko kuri uyu mupaka muto (Petite barriere) ari ahantu hihariye ku bafite ubumuga kuko hatunze benshi baturuka mu Turere dutandukanye mu Rwanda kuko ariho hari imikorere yabo, bityo ko bakwiye koroherezwa mu kwambuka kuko bamaze amezi umunani badakora bakaba bari mu banyarwanda bake batinze gukomorerwa ngo batangire imirimo.

Naho Mukamanda Xaverine nawe avuga ko igare ryamufashaga byinshi mbere ya Covid-19 ariko ko bishobora kuzagorana kongera gusubira ku murongo mu gihe nta bufasha cooperative yabo ibonye.

Agira ati «Igare ryamfashaga gutunga abana banjye, kwishyura inzu nkanizigamira nibura ibihumbi 20 ku kwezi ariko ubu biragoye kuko igare ryarapfuye. Ubu ni ugusaba ubufasha aho bwaturuka hose tukongera tugakoresha magare yacu tukanipimisha Covid-19 kugirango twongere twambuke umupaka.»

Kimwe na bagenzi be bafite ubumuga bw'ingingo, bavuga ko mu gihe abandi bakomorewe imirimo muri Gicurasi 2020 bo bakomorewe mu Ukwakira bikaba byarabagizeho ingaruka zo gukoresha umutungo Cooperative yari yarizigamiye.

Habarurema ni umwe muri bo, avuga ingaruka bagizweho n'ibi bihe. Ati, « Twari dufite amagare arenga 250 ariko ubu amazima ntarenga 50, kuko yamaze igihe adakora andi anyagirirwa hanze muri Congo. Ubu nibura kugirango ayo magare yongere gukora igare rimwe rirasabwa nk'ibihumbi ijana.» usibye ibibazo by'ibikoresho byangiritse Habarurema akomeza avuga ko n'umutungo Cooperative yarifite wose yawufashishije abanyamuryango.

« Mu bihe bya guma mu rugo, ikigo cy'Igihugu gishinzwe amakoperative (RCA) cyategetse amakoperative gutunga abanyamuryango bayo, natwe buri mu nyamuryango twamuhaye ibihumbi 85. Ubu turasaba ubufasha cyangwa inguzanyo aho yava hose yafasha koperative kongera kubyuka. »

Umuyobozi wa Cooperative, Batunzi Zari avuga ko Leta yabafashije gupimisha bake mu banyamuryango ngo batangire akazi.

« Usibye ibyo bibazo bindi byo mu bihe bya guma mu rugo, ubu bemereye abanyamuryango bacu 30 gusa gukora kuko aribo Leta yapimishije, gusa turasaba ko uyu mubare wiyongera kuko abafite ubumuga barya ari uko batwaye igare. »

Iyi cooperative igizwe n'abanyamuryango 130 bambutsa ibintu babivana mu Rwanda babijyana muri DRC ku magare bose bakaba bafite ubumuga bagafashwa n'abandi barenga 200 badafite ubumuga kubasunikira amagare

Ubuyobozi bw'iyi cooperative buvuga ko bwatunguwe na gahunda ya guma mu rugo amagare meshi y'abanyamuryango yaray muri DRC bakabura uko bajya kuyazana akaba ariho yangirikiye n'ibikoresho bimwe byayo bikobwa.

***Uwamahoro Jeanne***






*Abafite ubumuga baucuruza kumupaka w'u Rwanda na Kongo.*

# Ururimi rw'amarenga, inkingi y'itangazamakuru ridaheza

Bamwe mu banyamakuru bahugurwa ku rurimi rw'amaremga bavuga ko ruzafasha abanyamakuru kunoza akazi no kugeza amakuru kuri benshi, hiyongereyemo abafite ubumuga bwo kutumva no kutavuga; nk' isoko y'amakuru no kwimakaza itangazamakuru ridaheza.

Mbabazi Mpambara Denise ukorera Radio/TV 10 yishimira ko uru rurimi rushya rugiye kumwongerera abantu yataragaho amakuru kuko byamuzitiraga kubataraho amakuru kubera kutamenya kuganira nabo.

"Mbere mu gutara amakuru naganiraga n'abadafite ubumuga bwo kutumva no kutavuga gusa, cyangwa nabo nashaka kubumva bikangora hakaba nubwo ibitekerezo byabo mbyumvise uko bitari cyangwa nkitabaza undi muntu, byabaga bigoye ariko ubu bizanyorohera kuganira nabo kandi nabo bakurikirane ibiganiro byanjye."

Akomeza agira ati : "ubu abafite ubumuga bwo kutumva no kutavuga bagiye kunyiyumvamo, kuko ubusanzwe iyo batubonye n'ubundi babona ko natwe ntacyo tubamariye kimwe n'abandi kuko niba ari ubuvugizi ntabwo umukorera kuko utaganira nawe ndetse niba ari n'amakuru ntayo umugezaho kuko atayumva."



*Umuyobozi Mukuru wa MHC, Mbungiramihigo Peacemaker.*

Nzayisenga Hirwa Bejamin ni umunyamakuru wa Pacis TV (televiziyo ya kiliziya gatolika mu Rwanda), avuga ko ururimi rw'amarenga ruzamufasha mu kiganiro akora cy'amateka ya kiliziya mu Rwanda.

" Nkorera Televiziyo ya Gikirisitu yemera ko nta muntu ugomba guhezwa kuko abana bose ni abana ba kiliziya n'abafite ubumuga ni abana ba kiliziya. Uru rurimi rw'amarenga ruzadufasha gutuma batwiyumvamo haba mu gukurikira ibiganiro dukora banatwiyumvemo twagiye gutara amakuru kuko tuzashobora kuganira nabo."

Ku mbuga nkoranyambaga naho ntibasigaye, Mukanzayire Immaculee afite ikinyamakuru gikorera kuri murandasi www. ubumwe.com, uyu we ngo agiye kuba mu bambere bazakoresha ururimi rw'amarenga ku mbuga nkoranyambaga mu korohereza abafite ubumuga bwo kutumva no kutavuga kuhisanga.

" Dukoresha imbuga nkoranyambaga nka facebook, instagram, twitter na Youtube, kuba mu ndimi nakoreshaga hiyongereyemo ururimi rw'amarenga navuga ko ngiye kuba mu bantu bambere abafite ubumuga bwo kutumva no kutavuga bagiye kujya bakurikirana kuri youtube kuko ngiye kujya nkoreshaho ururimi rw'amarenga."

Umunyamabanga nshingwabikorwa w'inama y'igihugu y'itangazamakuru, Mbungiramihigo Peacemaker we asanga aya ari andi mahirwe abanyamakuru babonye kuko usibye kuba uru rurimi rwababafasha mu kazi kabo ruzanababfsha gukorera amafaranga ahantu hatandukanye.

" Ururimi rw'amarenga abaruzi mu gihugu ni bake kandi abashaka kubakoresha ni benshi, aya rero ni amahirwe yo kurubyaza umusaruro kuko aba bahugurwa bashobora no kurubamo impuguke bakabigira akazi kabo ka buri munsi." Akomeza avuga ko nubwo nta Televiziyo yigenga iratangira gusemura amakuru mu rurimi rw'amarenga ariko ko intambwe ya mbere itewe kuko bamwe mu banyamakuru bayo ma Televiziyo bazi urwo rurimi.

Kugeza ubu inama y'Igihugu y'itangazamakuru ibifashijwemo n'abafatanyabikorwa bayo imaze guhugura abanyamakuru 15 bahuguwe mu cyiciro cyambere hakaba hari abandi 17 bari guhugurwa mu cyiciro cya kabiri.



*Abanyamakuru bahuguwe.*

***BUGIRIMFURA Rachid***

# Nyarugenge: Ubuyobozi bwahagurukiye kurwanya ihezwa rikorerwa abafite ubumuga mu mitangire y'akazi

Mu kiganiro gitangiza icyumweru cyahariwe abafite ubumuga, ihezwa ribakorerwa mu mitangire y'akazi ryagarutsweho, aho bavuga ko bashyirwa ku rutonde rw'abakora ibizami nyamara ntibatangazwe mu batsinze. Mu karere ka Nyarugenge, ubuyobozi bumara impungenge abafite ubumuga ko n'uzarengana azagana Komisiyo y'umurimo.

Niyonsaba Joseline, ni umwe mu bagore bafite ubumuga bitabiriye iki kiganiro, afite ubumuga bw'ingingo. Asobanura uburyo bagikorerwa ihezwa, agira ati, "Twe nk'iyo tugiye gusaba serivisi cyangwa akazi tuba twarize, ariko iyo bakubonye bagasanga ufite ubumuga bwo kutavuga no kutumva, bakabona uzakenera umusemuzi bahita bagushyira ku ruhande bagafata uwumva akanavuga bakamukoresha interview uwo agahita agutsinda muri ubwo buryo".

Mugenzi we yungamo ati, "Tugirirwa ihezwa ry'ubugira kabiri, mu miryango tubamo ndetse n'aho tujya gusaba nk'akazi bakavuga ko tudashoboye kandi turashoboye aho tugeze ntibatwakira neza bikatugiraho ingaruka zo guhera hasi ntacyo twigezaho".

Naho Niyonsaba asobanura ko bahezwa nk'abagore, ubundi bagahezwa nk'abafite ubumuga, kandi byose bikabagiraho ingaruka. Ati, "Niba ntahejwe nk'umugore ndahezwa nk'ufite ubumuga. Ingaruka zibamo mu buzima busanzwe, wisanga wenyine kuko nta muntu uba wisangaho. Uko tubizi kugirango umuntu abeho neza ni uko aba afite uwo yisanzuraho niba agize ikibazo aba afite uwo akibwira niba ari ibyishimo arebe uwo abisangiza".

Cyakora Niyonsaba anatanga umuti w'iki kibazo, ati, " Icyakorwa ni uko abanyarwanda twakumva ko twese turi ku rwego rumwe bakumva ko uko bashaka ko bagufata nawe ariko ko ufata undi ntundebe ngo sinumva simvuga ngo wumve ko hari icyo mbura hari byinshi nakora bingana nibyo udafite ubumuga yakora".

Aya maganya, akababaro n'agahinda by'aba bagore bafite ubumuga, bishimangirwa na Richard Kananga, Umuhuzabikorwa w'inama y'igihugu y'abafite ubumuga mu karere ka Nyarugenge, unavuga ingamba zafashwe mu rwego rwo gukumira ihezwa rikorerwa abafite ubumuga mu itangwa ry'akazi.

Richard Kananga, avuga ko abarikorerwa basabwa kudaceceka, bakavuga ibibakorerwa nabo bakabasaba ko imyumvire ihinduka. Ati, "Akenshi usanga ko umuntu ufite ubumuga yumva ko ari uko yaremwe agomba kudafatwa nk'abandi, niyo mpamvu nabo babegera bakababwira ko niba ari ihohoterwa yakorewe yegere ababishinzwe Polisi, kugirango afashwe; kandi n'izo nzego zindi barazegera bakababwira ko hari uburyo bwihariye bagomba gufatamo abafite ubumuga".

Mu ngamba, Kananga agira ati, "Icyo dukora ni ubukangurambaga dukoresheje uburyo bunyuranye nk'inkinamico kugirango abantu babyumvireho bumva ibiba muri sosiyete. Ubundi buryo ni ibiganiro, ikindi ni amategeko yagiye ajyaho agaragaza ko ihohoterwa iryo ari ryo ryose ritemewe. Rero dukoresha ubwo buryo bwose kugirango imyumvire ihinduke".

Icyizere cyo kurenganurwa

Umuyobozi nshingwabikorwa wungirije w'akarere ka Nyarugenge, Esperance Nshutiraguma, ahumuriza abafite ubumuga bakorerwa ihezwa mu itangwa ry'akazi, akabaha icyizere cy'uko uwarenganye azajya arenganurwa.



*Umuyobozi nshingwabikorwa w'ungirije w'akarere ka Nyarugenge, Nshutiraguma Esperance.*

Ati, "Ubukangurambaga bwaratangiye, hari imirongo ijyanye no gutanga akazi, mu gihe ufite ubumuga yatoranyijwe mu bagomba gupiganwa na we afite amahirwe nk'ay'abandi mu kuba yabona akazi. Uwahuye n'ikibazo aba akwiye kwegera komisiyo y'umurimo akarenganurwa".

Iki cyumweru cyatangiye tari ya 23 Ugushyingo, kikazasozwa tariki 3 Ukuboza 2020. Mu nsanganyamatsiko hazagarukwa ku kurwanya ihezwa rikorerwa abagore bafite ubumuga.

*Amani Ntakandi*



*Abafite ubumuga.*

# Atitaye ku bumuga afite, Komezusenge ashobora kwerekana imideri binogeye ijisho

Komezusenge Charles afite ubumuga bw'uruhu, ariko ntiimubuza kuba Umunyamideri utwara ibihembo by'abantu bitwara neza kandi bashoboye mu marushanwa mpuzamahanga.Azi imyuga itandukanye, kandi afite ubushobozi bwo kwamamaza ibikorwa by'abantu n'ibigo binini.

Komezusenge Charles, umusore mwiza w'imyaka 28 uvuga mu karere ka Nyamasheke I Nyabitekeri, yamenye ko afite ubumuga bw'uruhu ageze mu ishuri; kandi mu muryango w'abantu 8 avukamo nta wundi wigeze agaragaza ubumuga. Aho bigaragariye yatangiye guhura n'imbogamizi zivanze n'ihezwa, ariko ntibimubuza kumva ko ashoboye ndetse anabishyirambo imbaraga ngo atere imbere.

Ubu atuye mu mudugudu wa Kanyinya, akagari ka Ruhango mu Murenge wa Gisozi, aba mu nama y'ubutegetsi bw'umuryango w'abafite ubumuga bw'uruhu mu Rwanda (OIPPA) ari naho rimwe na rimwe akura amafranga amutunga.

Yize amashuri abanza I Nyamasheke, ariko aza kwiga I Save ayisumbuye mu ishami rya public Work, ariko avuga ko yize mu buryo





*Komezusenge Charles afite ubumuga bw'uruhu.*

bugoranye, kubera ubushobozi buke ntiyakomeje Kaminuza dore ko yanabanje no kugorwa no kubona akazi kubera ubumuga bw'uruhu rwe, aho akaboneye nabwo bimuviramo uburwayi.

Ati " Nashatse akazi nkakabuzwa nuko bandebye bakabona ko mfite ubumuga, uwari Meya wa Gasabo waje kungirira impuhwe anshakira akazi mu byo kubaka imihanda"

Yabaye umunyarwenya (comedian) akurura amarangamutima y'abantu

Komezusenge avuga ko imbogamizi yahuye nazo mu mashuri abanza, yashatse uko azikuraho, yiga uburyo bwo gusetsa kugira ngo byibuze abane n'abandi bana, dore ko yari agiye kwiga kure y'iwabo I Save.

Ati " Nigize umustar ngahimba inkuru zisetsa, kugira ngo byibuze abanyeshuri bagenzi bange bankundire ko nsetsa, bari baziko nzi kubyina, ndetse na Furere nahasanze yaranyishimiraga, maze ansaba guhagararira abanyeshuri bose (doyen), nibwo numvise nezerewe cyane."

Ako kanyamuneza yavanye i Save, yaragakomeje kuko yaje no kubona akazi kajyanye no gukora imihanda ndetse yari afite ikipe ayoboye, kandi kuko yari amaze kumenyera gusetsa, yakoranye neza n'iyo kipe.

Ntiyafatwaga kimwe n'abandi mu muryango mugari

Nubwo ababyeyi batamwinubye, bakamutera umwete wo kwiga kugira ngo azahindure amateka, iyo yageraga ku ishuri nko mu karuhuko gato, wabonaga abana bagenzi be bamukoreye uruziga bamwitegereza kuko babonaga atameze nkabo.

Komezusenge ati " Nkiri muto hari imbogamizi natangiye guhura nazo, ndetse no guhezwa ku ishuri, nibyo byanyemeje ko mfite ikibazo cy'ubumuga, kandi ntabwo nashoboraga kuregera mwarimu, kuko nawe ntiyagaragaza ubushake bwo kundinda ibyo bibazo".

Anavuga ko abaturanyi babwiraga ababyeyi be kutamujyana mu ishuri, bumvaga atazashobora kwiga dore ko abenshi bari bameze nkawe bari batarashoboye kwihangana barabireka.

Urugero rusekeje kandi, ngo ni uko ubwo yacuruzaga ibisheke ari I Nyamasheke, yagiye kubirangura na bagenzi be, maze ababiranguza banga ko we yishyura mu rwego rwo kumugirira impuhwe, nyamara ngo yari afite amafaranga. Ibi ngo byatumye bagenzi be bamusaba kuzajya abarangurira kugira ngo nabo batabishyuza. Nabyo yumvise ari akato nubwo yabyungukiragamo, kandi uwabikoze we ntiyabitekerezaga atyo.

Afite inzozi n'ibyifuzo

Yumvaga yaba Dogiteri mu buzima bwe, ariko kuko bitashobotse yize imyuga yo gukora amasabune mu buryo bugezweho, ubu rero arashaka no gufatanya na bagenzi be bafite umushinga wo gukora uruganda kugira ngo biteze imbere, kandi basaba abantu bose kuzabagurira bakabafasha gukabya izo nzozi.

Uruganda rukora amasabune arashaka kurufatanya no gukomeza umwuga we wo kwerekana imideri, akaba asaba abafite ibikorwa kumwifashisha, akabamamariza ariko nawe bikamuteza imbere.

Muri rusange Komezusenge ashimira Perezida wa Repubulika ku bushake bwo kubafasha kwizamura, harimo n'uko amavuta basiga ku ruhu rwabo ubu bashobora kuyabona kuri Mitiweli. Gusa anasaba inzego z'ubutabera gukurikirana abantu babateza umutekano muke, babatuka cyangwa babaha akato, kuko amategeko abihana arahari. Ariko cyane cyane ngo mu gushyira mu myanya abayobozi, hakwiye no kujya hatekerezwa ku bantu bafite ubumuga kuko abize ni abahanga kandi barashoboye.

***Marie Louise Uwizeyimana***

# Uko abakinnyi bafite ubumuga babayeho mu gihe cya Covid-19

Icyorezo cya Coronavirusi cyageze mu Rwanda mu kwezi kwa gatatu uyu mwaka wa 2020, cyagize ingaruka mu mikino y'abafite ubumuga mu Rwanda kuko bari bageze mu gice cya kabiri cya shampiyona ya Sitting Volleyball.

Solidarity Magazine yaganiriye n'abakinnyi uburyo babayeho muri iki gihe gikomeye cya Covid-19 aho imikino imaze amezi agera ku munani nta gikorwa cya Siporo kiriho, ndetse naho igarukiye NPC Rwanda ikaba igishakisha uburyo yaganira n'Uturere dufite amakipe uburyo bapimishwa kugira ngo shampiyona izakomeze.



Muhirwa Hashim ufite ubumuga bw'ingingo agendera mu Kagare ufite imyaka 27 akina umukino wa Basketball yo mu igare mu ikipe y'Akarere ka Bugesera,yagarutse ku ngaruka bagize kubera Covid-19, aho byatumye bongera kwigunga ndetse no kugira ubuzima bubagoye cyane.

Agira ati “Hafi 80% ry'ibyari bidutunze biva mu mikino twakinaga, kuko niba tugiye mu myitozo twahabwaga akanoza ngendo hanyuma ku mukino dukinnye nawo tukawuhemberwa. Ariko reba amezi ashize ubu no kwishyura inzu tubamo ni ikibazo gikomeye, kuko twari tumaze kubigira umwuga. Ikindi kwigunga byari byaravuyeho kubera guhura n'abandi, ariko ubu kuba nta myitozo bituma turushaho kwitekerezaho”.

Mukobwankawe Liliane ukinira ikipe y'Intwali za Gasabo muri Sitting Volleyball akaba na Kapiteni w'ikipe y'igihugu ya Sitting Volleyball yabonye itike yo kujya mu mikino yanyuma ya Paralempike izabera Tokyo mu Buyapani, nawe yatubwiye ingaruka za Covid-19 bagize.

Agira ati “Amezi umunani arashize nta mukinnyi uhura n'undi kubera iki cyorezo cya Coronavirusi, mbese muri make ubuzima buragoye kuko yaba uwiga cyangwa se utiga bari batunzwe n'amakipe bakinira, bityo kuko aya makipe ari aya Karere ibyo twahabwaga ubu ntabyo tubona kuko nta mikino iriho. Kandi ibyo twahabwaga byadufashaka kubaho mu miryango yacu, ikindi nka Kapiteni mpagarwa n'abakinnyi batandukanye ubu hari abakinnyi batakibona nayo guhamagara ndetse nabo Telefone zabo zitakiriho ku buryo kumenya uko babayeho nabyo ni ikindi kibazo”.

Mu buzima busanzwe iki cyorezo cya Covid-19 cyakoze kuri bose ariko iyo bigeze ku bafite ubumuga byikuba kabiri, ubu kugira ngo ikipe y'igihugu ya Sitting Volleyball igume ku rwego rwayo ubu buri wese arakora ku giti cye kugira ngo agumane umwitozo uhamwe mu gihe bataragira amahirwe yo kwongera guhurira hamwe ngo bakorane imyitozo.

Ishyirahamwe ry'imikino y'abafite Ubumuga mu Rwanda ( NPC ) rifite imikino itandukanye ihuza abafite ubumuga aho imikino ya Sitball na Sitting Volleyball imaze kugera mu turere twose tw'u Rwanda, naho imikino nka Goalball y'abafite ubumuga bwo kutabona ndetse na Tennis na Basketball yo mu kagare iracyiyubaka yo ikaba ari imikino y'abafite ubumuga bw'ingingo.





NATIONAL COUNCIL OF PERSONS WITH DISABILITIES
NCPD
Towards Full Inclusion
RBA Rwanda Broadcasting Agency
HAFI YAWE
ARJ ASSOCIATION RWANDAISE DES JOURNALISTES
RWANDA JOURNALISTS ASSOCIATION
hope and homes for children